- 1° protéger l'indépendance de RBA ;
- 2° arrêter la vision stratégique et le plan d'action de RBA;
- 3° veiller à ce que la RBA fonctionne dans l'intérêt général de la population ;
- 4° promouvoir la ligne éditoriale de RBA, le code de déontologie professionnelle et les lois régissant la presse ;
- 5° approuver le plan annuel d'activités de RBA;
- 6° approuver le rapport d'activités et le rapport financier de RBA pour l'exercice précédent;
- 7° adopter le budget annuel de RBA;
- 8° adopter le règlement d'ordre intérieur de RBA ;

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

- | | | |
|--|--|---|
| 9° gukurikirana icungwa ry'umutungo wa RBA; | 9° to monitor the management of RBA property; | 9° faire le suivi de la gestion du patrimoine de RBA ; |
| 10° kwemeza sitati y'abakozi ba RBA, imishahara y'abakozi, imiterere n'inshingano by'inzeho z'imirimo bya RBA; | 10° to approve the statutes governing RBA staff, their salaries and the organization and functioning of RBA departments; | 10° approuver le statut du personnel de RBA, les salaires du personnel, l'organisation et le fonctionnement des services de RBA ; |
| 11° kugenzura imikorere ya RBA harebwa niba bihuye na gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari; | 11° to review the performance of RBA to ensure conformity with the action plan and the budget; | 11° examiner les performances de RBA pour s'assurer qu'elles sont conformes au plan d'action et au budget; |
| 12° gukurikirana imikorere y'ubuyobozi bukuru bwa RBA. | 12° to monitor the performance of the Directorate General of RBA. | 12° faire le suivi des performances de la Direction Générale de RBA ; |

Ingingo ya 7: Guhagararira RBA imbere y'amategeko

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ni we uhagararira RBA imbere y'amategeko.

Ingingo ya 8: Abagize Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RBA ni rwo rwego rukuru mu miyoborere yayo. Igizwe n'abantu barindwi (7) bafite ubumenyi n'ubushobozi kandi b'inyangamugayo. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) bagomba kuba ari abagore.

Abagize Inama y'Ubuyobozi barimo Perezida na Visi Perezida bashyirwaho n'Itaka rya Perezida bamaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, nyuma yo gutoranywa mu ruhamwe kandi bikozwe mu mucyo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa muri

Article 7: Legal representation of RBA

The Chairperson of the Board of Directors shall be the legal representative of RBA.

Article 8: Members of the Board of Directors

The Board of Directors of RBA shall be the supreme governing organ of RBA. It shall comprise seven (7) members with skills, knowledge and integrity. At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors shall be females.

Members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson shall be appointed by a Presidential Order upon approval by the Cabinet after transparent and public selection.

Members of the Board of Directors shall be

Article 7: Représentation légale de RBA

Le Président du Conseil d'Administration est le représentant légal de RBA.

Article 8: Membres du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de RBA est l'organe suprême de direction de RBA. Il est composé de sept (7) membres possédant les connaissances et les compétences nécessaires et qui sont intègres. Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-Président sont nommés par arrêté présidentiel après approbation par le Conseil des Ministres après une sélection transparente et publique.

Les membres du Conseil d'Administration sont

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

Sosiyete Sivili no mu bikorera.

Abagize Inama y'Ubuyobozi bafite manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Ingingo ya 9: Ubwigenge bw'Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'ubuyobozi bagomba kurangwa n'ubwigenge, ntibagomba guhabwa amabwiriza n'umuyobozi uwo ari we wese uretse mu gihe biteganywa n'itegeko.

Abagize Inama y'ubuyobozi bagomba gukora baharanira inyungu rusange za rubanda kandi ntibakoresha ububasha bafite mu nyungu zabo bwite.

Ingingo ya 10: Imikorere y'Inama y'Ubuyobozi

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ni we utumiza kandi akayobora inama z'Inama y'Ubuyobozi.

Yunganirwa na Visi Perezida mu kurangiza inshingano ze.

Uburyo inama z'Inama y'Ubuyobozi zitumizwa, uko ziterana, ifatwa ry'ibyemezo n'indi mikorere y'Inama y'Ubuyobozi, bigenwa n'amategeko nengamikorere ya RBA.

selected from the Civil Society and Private Sector.

Members of the Board of Directors shall be appointed for a term of office of three (3) years renewable only once.

Article 9: Independence of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall demonstrate independence and shall neither seek nor accept instructions from any authority unless otherwise provided for by law.

Members of the Board of Directors shall always act in the public interest and not use the powers conferred upon them for personal gains.

Article 10: Functioning of the Board of Directors

The Chairperson shall convene and preside over the meetings of the Board of Directors.

The Chairperson shall be assisted by the Deputy chairperson in performing his/her duties.

Modalities for convening and presiding over the meetings of the Board of Directors and taking decisions as well as other functioning modalities for the Board of Directors shall be determined by the internal rules and regulations of RBA.

choisis au sein de la société civile et du secteur privé.

Les membres du Conseil d'Administration sont nommés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Article 9: Indépendance du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration doivent faire preuve d'indépendance et ne doivent pas solliciter ni accepter d'instructions de quelque autorité que ce soit à moins que la loi n'en dispose autrement.

Les membres du Conseil d'Administration doivent en tout temps agir dans l'intérêt général et ne doivent pas utiliser les pouvoirs qui leur sont dévolus à des fins personnelles.

Article 10: Fonctionnement du Conseil d'Administration

Le Président du Conseil d'Administration convoque et préside les réunions du Conseil d'Administration.

Le Président est assisté par le Vice-Président dans l'accomplissement de ses tâches.

Les modalités de convocation et de présidence des réunions du Conseil d'Administration, les modalités de prise des décisions ainsi que les autres modalités de fonctionnement du Conseil d'Administration sont définies par le règlement d'ordre intérieur de RBA.

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

Ingingo ya 11: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga ateganywa mu mategeko ngengamikorere ya RBA.

Ingingo ya 12: Imirimo itabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RBA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa muri RBA.

Ingingo ya 13: Ugutakaza kuba mu Nama y'Ubuyobozi

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° apfuye;
- 2° manda ye irangiye;
- 3° yeguye akoresheje inyandiko;
- 4° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

Article 11: Sitting allowances of members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall receive sitting allowances as determined in RBA internal rules and regulations.

Article 12: Incompatibilities with membership of the Board of Directors of RBA

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RBA.

Neither shall they be allowed, whether individually nor companies in which they hold shares, to bid for tenders of RBA.

Article 13: Loss of membership to the Board of Directors

A member of the Board of Directors shall lose his/her office if:

- 1° he/she dies;
- 2° his/her term of office expires;
- 3° he/she gives a written notice of his/her resignation;
- 4° he/she can no longer perform his/her duties due to physical or mental disability duly ascertained by an authorized medical doctor;

Article 11: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de RBA.

Article 12: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration de RBA

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer des fonctions rémunérées au sein du RBA.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RBA.

Article 13: Perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration

Un membre du Conseil d'Administration perd sa qualité de membre pour l'une des raisons suivantes:

- 1° décès ;
- 2° expiration du mandat;
- 3° présentation de sa démission par écrit;
- 4° s'il ne peut plus remplir ses fonctions suite à une incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

5° akatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);	5° he/she has been sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	5° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
6° bigaragaye ko abangamira inyungu za RBA;	6° he/she jeopardizes the interests of RBA;	6° constat qu'il compromet les intérêts de RBA ;
7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;	7° he/she demonstrates behaviour incompatible with his/her duties;	7° affichage d'un comportement incompatible avec ses fonctions;
8° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashwirwa mu Nama y'Ubuyobozi;	8° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment to the Board of Directors;	8° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises au moment de sa nomination au Conseil d'Administration;
9° yahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	9° he/she is convicted of the crime of genocide ideology;	9° être reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide;
10° yahamwe n'icyaha cya jenocide yakorewe Abatutsi;	10° he/she is convicted of the crime of genocide against Tutsi;	10° être reconnu coupable du crime du génocide contre les Tutsi ;
11° yahamwe n'icyaha cy'ivangura n'amacakubiri;	11° he/she is convicted of the crime of discrimination and divisionism;	11° être reconnu coupable du crime de discrimination et de divisionnisme;
12° yireze akemera icyaha cya jenocide.	12° he/she confesses and pleads guilty of genocide.	12° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide.
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura.	In the event of termination by a member of the Board of Directors before the expiry of his/her term of office, the competent authority shall appoint his/her successor.	En cas de cessation des fonctions par un membre du Conseil d'Administration avant la fin de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant. La personne ainsi nommée termine le mandat de la personne qu'elle remplace si la durée du mandat restant à courir est égale ou supérieure à six (6) mois.
Ushyizweho kuri ubwo buryo arangiza manda y'uwo asimbuye iyo igihe gisigaye kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6).	The appointee shall serve the remainder of the term of office if such a remainder is equal to or exceeds six (6) months.	

Akicro ka 2 : Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 14: Abagize Ubuyobozi Bukuru, ishyirwaho n'ivanwaho ryabo

Ubuyobozi Bukuru bwa RBA bugizwe n'Umuyobozi Mukuru wa RBA n'Umwungirije bashyirwaho kandi bakavanwaho n'iteka rya Perezida. Mu kubashyiraho, Perezida wa Repubulika agisha inama Inama y'Ubuyobozi ya RBA.

Ingingo ya 15: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru

Umuyobozi Mukuru ni we uhuza akanayobora ibikorwa bya buri munsu bya RBA.

By'umwihariko ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° gukurikirana no guhuza ibijyanye n'Ubwanditsi Bukuru n'ubuvanganzo bwa RBA;
- 2° gutanga amabwiriza y'akazi no gukurikirana imikorere y'abakozi;
- 3° gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'ingengo y'imari yabyo;
- 4° gushyikiriza raporo Inama y'Ubuyobozi ku byerekeranye n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za RBA n'imikoreshereze

Sub-Section 2: General Directorate

Article 14: Members of the General Directorate, their appointment and dismissal

The General Directorate of RBA shall comprise of the Director General and the Deputy Director General of RBA who shall be appointed and dismissed by a Presidential Order. The President of the Republic shall nominate them after consultation with the Board of Directors of RBA.

Article 15: Responsibilities of the Director General

The Director General shall coordinate and manage the daily activities of RBA.

He/she shall be particularly responsible for the following:

- 1° to monitor and coordinate Editorial Board activities and artistic output of RBA;
- 2° to give service-related instructions and to monitor staff performance;
- 3° to submit to the Board of Directors the annual action plan and related budget;
- 4° to submit to the Board of Directors a report on the implementation of the programs of RBA and on the execution of its budget;

Sous-section 2 : Direction Générale

Article 14: Membres de la Direction Générale, leur nomination et leur révocation

La Direction Générale de RBA est composée d'un Directeur Général et d'un Directeur Général Adjoint de RBA qui sont nommés et révoqués par arrêté présidentiel. Le Président de la République les nomme après avis du Conseil d'Administration de RBA.

Article 15: Attributions du Directeur Général

Le Directeur Général assure la coordination et la gestion quotidienne des activités de RBA.

Il est particulièrement chargé de ce qui suit:

- 1° suivre et coordonner les activités du comité de rédaction et de la production artistique de RBA;
- 2° donner les instructions relatives au service et faire le suivi des performances du personnel ;
- 3° soumettre au Conseil d'Administration le plan d'action annuel et le budget y relatif ;
- 4° soumettre au Conseil d'Administration le rapport sur la mise en œuvre des programmes de RBA et sur l'exécution de son budget;

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

y'ingengo y'imari yayo;

5° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RBA.

Ingingo ya 16: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije

Umuyobozi Mukuru Wungirije yunganira Umuyobozi Mukuru akanamusimbura iyo adahari.

By'umwihariko ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° gutegura gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'ingengo y'imari yabyo;
- 2° gutegura gahunda y'ibikorwa bibyara inyungu bya RBA no kuyishyira mu bikorwa;
- 3° gukurikirana ikoreshwa neza ry'ingengo y'imari n'umutungo bya RBA.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RBA

Ingingo ya 17: Umutungo wa RBA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RBA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ibituruka ku mirimo ikora;

5° to implement resolutions of the Board of Directors of RBA.

Article 16: Responsibilities of the Deputy Director General

The Deputy Director General shall assist and deputize the Director General in case of absence.

He/she shall be particularly responsible for the following:

- 1° to prepare the annual activity plan and related budget;
- 2° to develop and implement the income-generating activity plan of the RBA;
- 3° to ensure proper use of budget and property of RBA.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF RBA

Article 17: Property of RBA and its sources

The property of RBA shall be comprised of movable and immovable assets. It shall come from the following sources:

- 1° income from services rendered;

5° mettre en application les résolutions du Conseil d'Administration de RBA.

Article 16: Attributions du Directeur General Adjoint

Le Directeur Général Adjoint assiste et remplace le Directeur Général en cas d'absence.

Il est particulièrement chargé de ce qui suit:

- 1° élaborer le plan d'activités annuel et le budget y relatif ;
- 2° élaborer le plan d'activités génératrices de revenus de RBA et assurer son exécution;
- 3° s'assurer d'une meilleure utilisation du budget et du patrimoine de RBA.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DE RBA

Article 17: Patrimoine de RBA et ses sources

Le patrimoine de RBA comprend les biens meubles et immeubles et provient des sources suivantes :

- 1° les revenus générés par les services prestés ;

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

2° inyungu ku mutungo wayo;

3° inkunga za Leta;

4° inkunga z'abafatanyabikorwa;

5° impano n'indangano;

6° umutungo wari uwa ORINFOR waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa uretse uw'itangamakuru ryandika.

2° revenue from its property;

3° Government subsidies;

4° Partners' subsidies;

5° donations and bequests;

6° movable and immovable property which belonged to ORINFOR, with the exception of that belonging to print media.

2° les revenus tirés de son patrimoine;

3° les subventions de l'Etat;

4° les subventions des partenaires ;

5° les dons et legs ;

6° les biens meubles et immeubles qui appartenaient à l'ORINFOR, à l'exception de ceux appartenant à la presse écrite.

Ingingo ya 18: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RBA

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire y'umutungo wa RBA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa RBA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagera kopi Umuyobozi Mukuru wa RBA.

Ingingo ya 19: Iyemezwa n'imicungire by'ingengo y'imari ya RBA

Iyemezwa ry'ingengo y'imari ya RBA bikorwa hakurikijwe iri tegeko, naho imicungire yayo ikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 18: Use, management and auditing of the property of RBA

The use, management and audit of the property of RBA shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

The internal audit department of RBA shall submit its report to the Board of Directors and reserve a copy thereof to the Director General of RBA.

Article 19: Adoption and management of the budget of RBA

The budget of RBA shall be adopted in accordance with this Law and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 18: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RBA

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de RBA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne de RBA transmet son rapport au Conseil d'Administration et réserve copie au Directeur Général de RBA.

Article 19: Adoption et gestion du budget de RBA

Le budget de RBA est adopté conformément à la présente loi et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

UMUTWE WA VI: INGINGO CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 20: Kwegurirwa umutungo wa ORINFOR

Uretse umutungo w'itangazamakuru ryandika, umutungo wimukanwa, utimukanwa, imyenda n'izina bya ORINFOR byeguriwe RBA.

Ingingo ya 21: Igihe cy'inzibacyuho

RBA ihawe igihe kitarenze amezi atandatu (6), uhereye umunsi iri tegeko ritangarijwe mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo ibe yahuje imirimo yakorwaga na ORINFOR n'ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 22: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda

Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko-Teka ryo kuwa 9/10/1974 rishinga Ofisi y'Amatangazo ya Leta y'u Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu; Itegeko n° 47/2006 ryo kuwa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (ORINFOR) n'ingingo zose

Article 20: Transfer of the property of ORINFOR

With the exception of assets belonging to print media, movable and immovable property, liabilities and denominations of ORINFOR are hereby transferred to RBA.

Article 21: Transitional period

RBA shall be given a time limit not exceeding six (6) months from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to incorporate activities formerly performed by ORINFOR to the provisions of this Law.

Article 22: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 23: Repealing provision

Decree-law of 9/10/1974 establishing the Rwanda Information Office as modified and complemented to date, Law n° 47/2006 of 05/10/2006 determining the responsibilities, organization and functioning of the Rwanda Information Office (ORINFOR) as well as all

Article 20: Cession du patrimoine de l'ORINFOR

Sauf ceux appartenant à la presse écrite, les biens meubles et immeubles, le passif et le nom de l'ORINFOR sont cédés à la RBA.

Article 21: Période de transition

La RBA dispose d'un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour conformer les activités qui étaient auparavant assurées par l'ORINFOR aux dispositions de la présente loi.

Article 22: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 23: Disposition abrogatoire

Le Décret-loi du 9/10/1974 portant création de l'Office Rwandais d'Information tel que modifié et complété à ce jour, la Loi n° 47/2006 du 05/10/2006 portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais d'Information (ORINFOR), ainsi que toutes les dispositions

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 24: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 24: Commencement

Article 24: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 16/06/2013

Kigali, on 16/06/2013

Kigali, le 16/06/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

ITEGEKO N° 48/2013 RYO KUWA
28/06/2013 RISHYIRAHU IKIGO
CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA
IMBERE AMAKOPERATIVE (RCA)
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mberere: icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: icyicaro cya RCA

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RCA

Ingingo ya 3: Inshingano za RCA

UMUTWE WA III: URWEGO
RUREBERERA RCA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RCA
n'icyiciro irimo

UMUTWE WA IV: IMITERERE
N'IMIKORERE BYA RCA

LAW N° 48/2013 OF 28/06/2013
ESTABLISHING RWANDA COOPERATIVE
AGENCY (RCA) AND DETERMINING ITS
MISSION, ORGANISATION AND
FUNCTIONING

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Head Office of RCA

CHAPTER II: MISSIONS OF RCA

Article 3: Missions of RCA

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY
OF RCA AND ITS CATEGORY

Article 4: Supervising authority of RCA and its
category

CHAPTER IV: ORGANISATION AND
FUNCTIONING OF RCA

Article 5: Management organs of RCA

LOI N° 48/2013 DU 28/06/2013 PORTANT
CREATION DE L'AGENCE RWANDAISE DES
COOPERATIVES (RCA) ET DETERMINANT SA
MISSION, SON ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Article Premier: Objet de la présente loi

Article 2: Siège du RCA

CHAPITRE II: MISSIONS DE RCA

Article 3: Missions de RCA

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE
RCA ET SA CATEGORIE

Article 4: Organe de tutelle de RCA et sa catégorie

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE RCA

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

<u>Ingingo ya 5:</u> Inzego z'Ubuyobozi za RCA	<u>Article 5:</u> Management organs of RCA	<u>Article 5:</u> Organes de direction de RCA
<u>Icyiciro cya mbere :</u> Inama y'Ubuyobozi	<u>Section One:</u> Board of Directors	<u>Section Première:</u> Conseil d'Administration
<u>Ingingo 6:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RCA	<u>Article 6:</u> Board of Directors of RCA	<u>Article 6:</u> Conseil d'Administration de RCA
<u>Ingingo ya 7 :</u> Ibigenerwa abagize Inama y'ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 7 :</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 7:</u> Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 8 :</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 8:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors	<u>Article 8:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2 :</u> Ubuyobozi Bukuru	<u>Section 2 :</u> General Directorate	<u>Section 2 :</u> Direction Générale
<u>Ingingo ya 9 :</u> Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCA	<u>Article 9 :</u> Composition of the General Directorate of RCA	<u>Article 9:</u> Composition de la Direction Générale de RCA
<u>Ingingo ya 10 :</u> Sitati igenga abakozi ba RCA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RCA	<u>Article 10 :</u> Statute governing staff of RCA and benefits of members of the General Directorate and staff of RCA	<u>Article 10:</u> Statut régissant le personnel de RCA et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RCA
<u>Ingingo ya 11 :</u> Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RCA	<u>Article 11 :</u> Organization, functioning and responsibilities of RCA services	<u>Article 11:</u> Organisation, fonctionnement et attributions des services de RCA
<u>UMUTWE WA V :</u> UMUTUNGO N'IMARI	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 12:</u> Umutungo wa RCA n'inkomoko yawo	<u>Article 12:</u> Property of RCA and its sources	<u>Article 12:</u> Patrimoine de RCA et ses sources
<u>Ingingo ya 13:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RCA	<u>Article 13:</u> Use, management and audit of RCA property	<u>Article 13:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RCA
<u>Ingingo ya 14 :</u> Iyemeza n'imicungire by'ingingo y'imari ya RCA	<u>Article 14 :</u> Approval and management of RCA budget	<u>Article 14:</u> Adoption et gestion du budget de RCA

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

<u>Ingingo ya 15:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari	<u>Article 15</u> : Annual financial report	<u>Article 15</u> : Rapport annuel financier
<u>Ingingo ya 16</u> : Ububasha bw'ubugenzacyaha	<u>Article 16</u> : Competence of judicial police	<u>Article 16</u> : Compétence de police judiciaire
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 17</u> : Ibikorwa n'umutungo bya RCA	<u>Article 17</u> : Activities and property of RCA	<u>Article 17</u> : Activités et patrimoine de RCA
<u>Ingingo ya 18</u> : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 18</u> : Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 18</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 19</u> : Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 19</u> : Repealing provision	<u>Article 19</u>: Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 20</u> : Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa	<u>Article 20</u> : Commencement	<u>Article 20</u> : Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

**ITEGEKO N° 48/2013 RYO KUWA
28/06/2013 RISHYIRAHO IKIGO
CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA
IMBERE AMAKOPERATIVE (RCA)
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

INTEKO INSHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 16
Gicurasi 2013;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa
16 Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90,
iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 183
n'ya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo
kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange

**LAW N° 48/2013 OF 28/06/2013
ESTABLISHING RWANDA COOPERATIVE
AGENCY (RCA) AND DETERMINING ITS
MISSION, ORGANISATION AND
FUNCTIONING**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE
SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 16 May
2013;

The Senate, in its session of 16 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,
94, 95, 108, 183 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of
21/12/2009 establishing general provisions

**LOI N° 48/2013 DU 28/06/2013 PORTANT
CREATION DE L'AGENCE RWANDAISE DES
COOPERATIVES (RCA) ET DETERMINANT SA
MISSION, SON ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 16 mai 2013;

Le Sénat, en sa séance du 16 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04
juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en
ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108,
183 and 201;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009
portant dispositions générales applicables aux

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

yerekeye ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18/09/2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Isubiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo ku wa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative (RCA), rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo ;

governing Public Institutions as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n° 50/2007 of 18/09/2007 determining the establishment, organization and functioning of Cooperative Organizations in Rwanda as modified and complemented to date;

Having reviewed Law n° 16/2008 of 11/06/2008 establishing Rwanda Cooperative Agency (RCA) and determining its responsibilities, organization and functioning;

établissements publics, telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi n° 50/2007 du 18/09/2007 portant création, organisation et fonctionnement des sociétés coopératives au Rwanda telle que modifiée et complétée à ce jour;

Revu la Loi n° 16/2008 du 11/06/2008 portant création de l'Agence Rwandaise des Coopératives (RCA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article Premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative cyitwa «RCA» mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

This Law establishes the Rwanda Cooperative Agency, abbreviated as «RCA». It also determines its mission, organization and functioning.

La présente loi porte création de l'Agence Rwandaise des Coopératives «RCA» en sigle anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

RCA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko rusange agenga ibigo bya Leta.

RCA shall have legal personality, administrative and financial autonomy and be managed in accordance with laws governing public institutions.

RCA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux dispositions générales applicables aux établissements publics.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya RCA

Article 2: Head Office of RCA

Article 2: Siège de RCA

Icyicaro cya RCA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

The Head Office of RCA shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may

Le siège de RCA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

RCA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RCA

Ingingo ya 3: Inshingano za RCA

Inshingano z'ingenzi za RCA ni izi zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa politiki ya Leta mu bijyanye n'amakoperative;
- 2° kwandika no guha ubuzimagatozi amakoperative;
- 3° gutanga amabwiriza no kugenzura imikorere y'amakoperative, harimo n'amahuriro y'amakoperative, impuza mahuriro n'urugaga rwa za koperative;
- 4° gushyiraho ibiranga imyitwarire n'imikorere inoze mu micungire y'amakoperative;
- 5° guteza imbere urwego rw'amakoperative;
- 6° gufasha amakoperative mu kwiubaka binyuze mu nyigisho n'amahugurwa y'abayobozi n'abanyamuryango bayo;

be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

In order to fulfill its mission, RCA may have branches elsewhere in the country if deemed necessary, upon approval by a Prime Minister's Order.

CHAPTER II: MISSION OF RCA

Article 3: Mission of RCA

The main mission of RCA shall be the following:

- 1° to implement Government policy in matters relating to cooperative organizations;
- 2° to register cooperative organizations and grant them legal personality;
- 3° to regulate and supervise cooperative organizations including the national cooperative unions, federations and confederation;
- 4° to set standards and formulate professional ethics for prudent management of cooperative organizations;
- 5° to promote the cooperative organizations sector;
- 6° to assist cooperative organizations in their capacity building through training and seminars of its members and managers;

de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Pour mieux remplir sa mission, RCA peut, en cas de nécessité, établir des agences en tout autre lieu du territoire national, après approbation par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: MISSIONS DU RCA

Article 3: Missions de RCA

Les principales missions de RCA sont les suivantes:

- 1° mettre en œuvre la politique du Gouvernement en matière des sociétés coopératives;
- 2° enregistrer les sociétés coopératives et leur accorder la personnalité juridique;
- 3° réglementer et superviser les sociétés coopératives y compris les unions, les fédérations et la confédération des sociétés coopératives;
- 4° élaborer les normes éthiques et professionnelles de gestion saine des sociétés coopératives;
- 5° promouvoir le secteur des sociétés coopératives;
- 6° assister les sociétés coopératives dans le renforcement des capacités de leurs membres et de leurs administrateurs à travers les formations et les séminaires;

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

- | | | |
|--|---|--|
| 7° guteza imbere umuco w'ubucuruzi mu rwego rw'amakoperative; | 7° to promote business entrepreneurship in the cooperative organizations sector; | 7° promouvoir la culture d'entreprenariat dans le secteur des sociétés coopératives; |
| 8° gushishikariza amakoperative kumenya no gukoresha amahirwe mu ishoramari haba mu Gihugu, mu karere cyangwa mu mahanga; | 8° to encourage the cooperative movement to take advantage of investment opportunities at national, regional and international levels; | 8° encourager le mouvement coopératif à saisir les opportunités d'investissement au niveau national, régional ou international; |
| 9° gukora ubushakashatsi n'inyigo ku bijyanye n'amakoperative no kubisakaza; | 9° to carry out research and studies on cooperative organizations and ensure their publication; | 9° mener des recherches et des études sur le mouvement coopératif et en publier les résultats; |
| 10° kugira inama Guverinoma mu gushyiraho politiki n'ingamba ku byerekeye amakoperative; | 10° to advise the Government on the elaboration of national policies and strategies in relation with cooperative organizations; | 10° conseiller le Gouvernement dans la formulation des politiques et des stratégies relatives aux sociétés coopératives; |
| 11° gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza agenga amakoperative n'andi mategeko amakoperative asabwa kubahiriza; | 11° to ensure the compliance of laws and regulations governing cooperative organizations and other laws that cooperative organizations are requested to conform to; | 11° assurer la conformité aux lois régissant les sociétés coopératives et des autres lois que les sociétés coopératives sont tenues de respecter; |
| 12° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bifite amakoperative mu nshingano zabyo byo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga. | 12° to develop relations and collaboration with other regional or international agencies in charge of cooperative organizations. | 12° établir des relations et collaborer avec d'autres institutions tant régionales qu'internationales ayant les sociétés coopératives dans leurs attributions. |

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RCA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RCA n'icyiciro irimo

Iteka rya Ministiri w'Intebe rigena urwego rureberera RCA n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera RCA n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RCA AND ITS CATEGORY

Article 4: Supervising authority of RCA and its category

A Prime Minister's Order determines the supervising authority of RCA and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of RCA and its decision-making organ a

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RCA ET SA CATEGORIE

Article 4 : Organe de tutelle de RCA et sa catégorie

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RCA et sa catégorie.

Il est conclu, entre l'organe de tutelle de RCA et son organe de décision, un contrat de performance

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza RCA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize urwego rufata ibyemezo rwa RCA.

UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BYA RCA

Ingingo ya 5: Inzego z'Ubuyobozi za RCA

RCA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira :

- 1° Inama y'Ubuyobozi ;
- 2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo RCA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Icyiciro cya mbere : Inama y'Ubuyobozi

Ingingo 6: Inama y'Ubuyobozi ya RCA

Inama y'Ubuyobozi ya RCA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'inshingano z'abayigize n'igihe bamara ku mirimo yabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'ubuyobozi harimo Perezida na Visi Perezida.

performance contract indicating competences, rights and obligations of each party in order for RCA to fulfill its missions.

Such contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision-making organ of RCA.

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RCA

Article 5: Management organs of RCA

RCA shall be comprised of the following two (2) management organs :

- 1° the Board of Directors ;
- 2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may determine other necessary organs in order for RCA to fulfill its mission.

Section One: Board of Directors

Article 6: Board of Directors of RCA

The Board of Directors of RCA shall be the governing and decision-making organ. Its competences, responsibilities and functioning as well as the responsibilities and the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RCA.

Ce contrat est valable pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de prise de décisions de RCA.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RCA

Article 5: Organes de direction de RCA

RCA est doté de deux (2) organes de direction suivants:

- 1° le Conseil d'Administration ;
- 2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires à la réalisation de la mission de RCA.

Section Première: Conseil d'Administration

Article 6: Conseil d'Administration de RCA

Le Conseil d'Administration de RCA est l'organe de direction et de prise de décisions. Ses compétences, ses attributions et son fonctionnement ainsi que les attributions et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-président sont nommés par arrêté présidentiel.

Official Gazette n° Special of 12/07/2013

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 7 : Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 8 : Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RCA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na RCA.

Icyiciro cya 2 : Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 9 : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCA bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RCA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors shall be females.

Article 7 : Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Article 8: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RCA.

They shall also not be allowed, either individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of RCA.

Section 2 : General Directorate

Article 9 : Composition of the General Directorate of RCA

Members of the General Directorate of RCA shall be appointed by a Presidential Order.

Competences and responsibilities of members of the General Directorate of RCA as well as modalities for performance of their duties shall be determined by a Prime Minister's Order.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

Article 7: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

